Rwanda

## Ibyo ukwiriye kumenya:

Ubunyamuryango bwa GS1 Rwanda n'ikoresha ry'Uburyo bwa GS1 kimwe n'Imbanza ya Sosiyete ya GS1 bigengwa n'Ingingo n'Ibisabwa n'Ubunyamuryango n'amasezerano y'Icyemezo cya GS1 Rwanda mu gihe amasezerano y'Icyemezo amara. Mu gusaba kuba umunyamuryango wa GS1 Rwanda kandi nk'umunyamuryango, usabwa kuba wasomye, wasobanukiwe kandi wemeye Ingingo n'Ibisabwa.

## Amakuru yerekeranye na Sosiyete

Izina rya Sosiyete

Agasanduku k'Iposita

Aho Ubarizwa

Nomero ya Telefone. – Iy'Ibanze

Nomero ya Telefone. - Indi

Imeyili - Iy'Ibanze

Imeyili - Indi

Umuntu twakwifashisha tugukeneye

Umuyobozi (Abayobozi) Nomero ya Telefone

**Omekaho kopi z'ibi bikurikira:**

- Icyemezo cy'ishyirahamwe cyangwa Izina rya Kampani.
- Kopi y'indangamuntu.
- Nomero ya kode y'ibanga y'Abayobozi.
- Icyemezo cya Kode ya Sosiyete
- Urutonde rw'ibicuruzwa bigomba gushyirwaho kode
- Kopi y'Icyemezo cy'ubucuruzi

## IBYICIRO n'Urwego rw'Icyiciro

Uzuza ushyira akamenyetso kuri kode ziberanye na Sosiyete Yawe: KODE

| A | **Inganda, Ibigo by'Ubucuruzi & Imari** | KODE | B | **Umucuruzi** |
|---|---|---|---|---|
| | Inganda Ntoya,Inganda | A1 | B1 | Kiyosike |
| | Zicirirtse n'Inganda Nini | A2 | B2 | Superimarishe Nto, n'Izicirirtse |
| | Abacuruzi Bato, Abaciriritse n'Abakuru | A3 | B3 | Superimarishe Nini (hejuru y'amashami5) |
| | Inganda Ziteranya Ibinyabiziga | A4 | B4 | Santere z'Ubucuruzi |
| | Amabanki n'Ubwishingizi | A5 | B5 | Ibindi |

## IBYICIRO n'Urwego rw'Icyiciro

Uzuza ushyira akamenyetso kuri kode ziberanye na Sosiyete Yawe: KODE

| C | **Injijuke n'Intiti** | KODE D | **Ubuzima** |
|---|---|---|---|
| C1 | Amacapiro n'Abanditsi | D1 | Ibitaro n'Amavuriro |
| C2 | Amashuri na Koleji | D2 | Farumasi n'Abanyabutabire |
| C3 | Amashuri Makuru na Kaminuza | D3 | Inganda Zikora Imiti |
| C4 | e-Government | D4 | Amarimbi |
| C5 | Inter-governments | D5 | Ibiyobyabwenge n'Ubuvuzi Bwemewe |

## IBYICIRO n'Urwego rw'Icyiciro

Uzuza ushyira akamenyetso kuri kode ziberanye na Sosiyete Yawe: KODE

| E | **Ubuhinzi n'ibibukomokaho** | KODE F | **Ubwikorezi/ Itumanaho** |
|---|---|---|---|
| E1 | Abahinzi bato | F1 | Gari ya Moshi |
| E2 | Abahinzi bagemurira amasoko | F2 | Ubwikorezi bwo mu Muhanda |
| E3 | Ibikoresho byo mu buhinzi | F3 | Kuriye na serivisi za kuriye |
| E4 | Ubuzima bw'ishyamba, amashyamba & ubukerarugendo | F4 | Telefone zigendanwa |
| E5 | Ubworozi, Ikaragiro n'Ubworozi bw'amafi | F5 | Ibinyamakuru byandika n'ibyo kuri Interineti |

## IBYICIRO n'Urwego rw'Icyiciro

KODE

| G | Uruhererekane rw'umusaruro, ubuhuniko & ubwubatsi |
|---|---|
| G1 | Guhanga no Gutanga ibyemezo |
| G2 | Gukurikirana Ibitumizwa n'Ibyoherezwa mu mahanga |
| G3 | Ubuhunikiro |
| G4 | Ikwirakwiza n'Itwara |
| G5 | Ubwubatsi |

Ubucuruzi bwawe bwibanda ku kihe gikorwa cy'ingenzi?

Shyira akamenyetso gakwiriye ku Musaruro wa Sosiyete buri Mwaka  nk'uko bigaragara hasi:

| SUBSCRIPTION FEES | | Lisence feesi(RWF) | | Total(RWF) | Training |
|---|---|---|---|---|---|
| Categories | | **Quarterly payment** | **Once payment** | **fees** | **person** |
| **A**<br>Start ups and 3yrs running | Annual SKU 10,000 to 250,000 UNITS<br>**Additional nuber in bundles of 10** | 55,500<br>15,000 | 222,000<br>60,000 | 222,000.00 | 2 person free |
| **B**<br>In it 4th Running year | Annual SKU 250,001 to 750,000 UNITS<br>**Additional nuber in bundles of 10 and 4th year of operation for start ups** | 155,000<br>15,000 | 620,000<br>60,000 | 620,000.00 | 3 person free |
| **C**<br>Over 10 years running | Annual SKU 750,001 to 1,250,000 UNITS<br>**Additional nuber in bundles of 10** | 385,000<br>15,000 | 1,540,000<br>60,000 | 1,540,000.00 | 4 person free |
| **D**<br>Corporates and multinationals | Annual SKU above 1,250,000 UNITS<br>**Additional nuber in bundles of 10** | 750,000<br>15,000 | 3,000,000<br>60,000 | 3,000,000.00 | 6 person free |

## Garagaza Umubare w'Abakozi

| | |
|---|---|
| Umubare w'Abakozi | |
| Imyaka imaze ikora | |
| Izina ry'umugenzuzi niba ahari | |

**Amahugurwa:**

Zirikana ko amafaranga y'amahugurwa yavuzwe hejuru ari y'abantu batatu bavuye mu muryango wawe mu gihe cy'amezi atatu.

**Gukora/Guhanga Kode y'ibanga**:

***Abanyamuryango:*** - RWF. 2,500/= + TVA kuri buri kode y'ibanga ku makode kuva kuri 1kugeza kuri 4

- RWF. 1,000/= + TVA kuri buri kode y'ibanga ku makode y'ibanga 5 no hejuru.

***Abatari abanyamuryango:*** - RWF. 10,000/= + TVA kuri buri kode y'ibanga

**Igenzura rya kode y'ibanga:**

***Abanyamuryango:*** - Amafaranga yavuzwe hejuru (RWF 10,000) ahesha umuryango wawe uburenganzira ku makode 10 yakorewe igenzura. – Kode (1) gusa - RWF.10,000/= + TVA.

***Abatari abanyamuryango*** – RWF. 10,000/= + TVA kuri buri kode y'ibanga.

## Other Services

**a) Access to GS1 global network**
This provides each member with a unique identification number correctly termed asGlobal Trade Item Numbers (GTINs)

**b) Customer Care Desk.**
We have a dedicated team that responds to all of Your needs and provides assistance when required. This service is free for all of our members. When you have a bar coding problem or simply need Further help.

**c) GS1 Rwanda Magazine(Gateway)**
A quarterly publication distributed to all members that provide information about the use of the GS1 system locally and internationally, updates on supply chain issues, business practices, industry Requirements and technology.

**d) Barcode verification Service.**
In order to achieve and maintain bar code consistency and conformity to international Standards, guidelines and specifications. Barcode Verification is mandatory for the bar codes on any New products and repackages. A verification report Will be issued for all product verified.

**e) Consultancy Service**
GSI Rwanda provide extra assistance to achieve maximum results from the GS1 standards and Systems within your organisation. Consultancy is available on a wide range of topics including supply chain management, logistics and integrated Management systems among others.

**f) Training, Seminars and Conferences.**
Workshops and seminars include barcoding and point of sale compliance, which is a foundation Course in the GS1 system. It also covers the UCC system, allocation of GTINs to products and how to Design and print technical reliable barcodes. A certificate is issued to participating individuals and Companies.

**g) Global Location Numbers (GLNs)**
GLNs are globally unique identifiers for electronic Identification of sites and organisations. It is used to identify suppliers or products for tracing and Tracking of products.

*UCC – Uniform Code Council
*GTIN – Global Trade Identification Number

Njyewe ___________________________________________ nsabye kuba umunyamuryango wa GS1 Rwanda kandi nemeye kubahiriza ibisabwa n'amabwiriza, kugengwa n'Amasezerano hamwe n'Ingingo za GS1 Rwanda (by'umwihariko ingingo ya 3.7 n'iya 3.8) ( sura urubuga rwacu) no kwishyura umusanzu wa buri mwaka nyawo ujyanye n'umusaruro wanjye wa buri mwaka nyuma ya buri mezi 12.

| Amazina yose (Umuyobozi/Uhagarariye Sosiyete) | Umwanya |
|---|---|
| | |

| Umukono | Itariki |
|---|---|
| | |
| | Nomero ya telefone |

Wamenye ute GS1 Rwanda?

1) Barayimbiye..........................................................................................................................................
2) Mu bitangazamakuru (Ibinyamakuru/Ibivuga,Fasebuku,Twita,Insitagaramu...........................
3) Interineti/ubushakashatsi kuri google… .....................................................................................
4) Nayimenyeshejwe n'umunyamuryango wa GS1 (Vuga izina ry'umunyamurango)…… ………………………………..
5) Ibindi ……………………………………………………………………………….

## Ahagenewe n'ubuyobozi

| | |
|---|---|
| Ubusabe Bwakiriwe na | |
| Ubwoko bw'Ubucuruzi | |
| Icyiciro Cyemejwe | |
| Icyemezo cy'Umuyobozi w'Imari | |
| Icyemezo cy'Umuyobozi wa Tekiniki<br>Nomero ya Kode yatanzwe na GS1 | |
| Icyemezo cy'Umuyobozi Mukuru<br>Kugira ngo icyemezo gitangwe | |
| CC Umuyobozi utanga Icyemezo<br>Itariki cyatanzweho… | |

## INGINGO N'AMABWIRIZA AGENGA ICYEMEZO CYA GS1 RWANDA

**1. ITANGWA RY'ICYEMEZO**

GS1 Rwanda (izwi nka GS1) iguhaye icyemezo gisesuye kandi kidatizwa cyo gukoresha nomero na Kode z'ibanga za GS1 bijyanye no kohereza n'igurisha ry'Ibicuruzwa byawe.

2. **IGISABWA**

Iki Cyemezo hamwe n'ingingo ndetse n'ibisabwa kigira agaciro guhera ku itariki GS1 ikumenyesheje ko yemeye Urrwandiko rwawe rwo Kwiyandikisha kandi kikaba gikomeza kugeza gihagaritswe nk'uko biteganyijwe n'ingingo ya 11.

**3. AMAFARANGA**

3.1. Ugomba kwishyura GS1 buri mwaka Amafaranga y'Icyemezo mu minsi 30 ikurikira itariki y'inyemezabwishyu ya GS1.

3.2. GS1 ishobora, igihe icyo aricyo cyose, kongera Amafaranga y'Icyemezo ikurikije Amabwiriza agenga Abanyamuryango iguhe nibura imbuzi yanditse y'iminsi 30.

3.3. Niba ibicuruzwa biriho Nomero za GS1 wahawe biri ku isoko mu gihe Icyemezo giseshwe, hatitawe kuri iryo seswa uzakomeza kubazwa umusanzu ungana n'Amafaranga y'Icyemezo cy'icyo gihe mu gihe uzakomeza gukwirakwizamo ibyo Bicuruzwa.

3.4. Ugomba kwishyura umufuragiro ungana na 10% ku mwaka ku mafaranga yose y'ubukererwe.

**4. TVA N'ANDI MAHORO**

4.1. Amafaranga yose yishyurirwa ibijyanye n'iki Cyemezo akubiyemo na TVA.

4.2. GS1 izaguha inyemezabwishyu y'amahoro ku Mafaranga y'Icyemezo.

4.3. Ugomba kwishyura amahoro yose asabwa muri Rwanda Yhakurikijwe amategeko ya Rwanda.

**5. IMYITWARIRE YAWE**

5.1. Ugomba.

a. Kwirinda igihe icyo aricyo cyose ugengwa n'aya Masezerano cyangwa nyuma y'iseswa ryayo, Gukora cyangwa kwirengagiza gukora icyo aricyo cyose, ubucuruzi cyangwa ibkorwa byahungabanya ubushake cyangwa izina bya GS1.

b. Gukurikiza ibipimo byo mu rwego rwa tekiniki bikubiye mu nyandiko ngaragazamikorere/amabwiriza za GS1 ndetse n'andi mabwiriza GS1 ishobora gutanga igihe icyo aricyo cyose.

**6. IKORESHWA RYA NOMERO, KOSE Z'IBANGA N'INDI MITUNGO MBONESHABWENGE:**

6.1. Wowe:

a. ushobora gukoresha gusa Nomero za GS1 wahawe na GS1;

b. ntugomba gukoresha nomero izo arizo zose GS1 yahaye undi muntu;

c. ntugomba gukoresha nomero izo arizo zose zigana uburyo bw'intondeko bwa GS1

d. ngomba gukoresha gusa Nomero za GS1 wahawe mu bijyanye n'ibyazamutungo, ubucuruzi no kugaragaza Ibicuruzwa byawe;

e. ntugomba guhindura mu buryo ubwo aribwo bwose Nomero za GS1 zikwanditseho;

f. kwemera ububasha GS1 ifite kuri Nomero za GS1 n'imitungo mboneshabwenge kandi ntugomba Gukora cyangwa kwemera ko hagira igikorwa cyangwa ikintu icyo aricyo cyose igihe icyo aricyo cyose gishobora mu buryo ubwo aribwo bwose kubangamira uburenganzira bwa GS1mu bijyanye na Nomero za GS1 ibirebana n'imitungo mboneshabwenge

g. ntugomba kwemerera uwo ariwe wese gukoresha cyangwa kugaragaza Nomero za GS1 wahawe;

h. Ugomba gukora ku buryo ibicuruzwa biba biriho ibimenyetso GS1 ishobora gusaba igihe iyo aricyo cyose.

**7. IKORESHWA RY'IBIMENYETSO BWITE MU BUCURUZI/KWAMAMAZA**

Wifashishije icyemezo cyanditse cya GS1, ushobora gukoresha ibimenyetso bwite mu gucuruza no kwamamaza ibicuruzwa. Ugomba Gukora ku buryo Ibimenyetso Bwite bikorwa gusa byubahiriza uburyo, imiterere n'anadi mabwiriza wamenyeshejwe na GS1 igihe icyo aricyo cyose.

**8. INDISHYI**

Wemera guha GS1 indishyiku birego, imanza, ibihombo, imyononekarire cyangwa ibiguzi byagwiririye GS1 bitewe n'imyitwarire yawe, imikoreshereze Yawe ya Nomero za GS1 n'uko Wowe utubahirije izi ngingo n'ibisabwa (keretse iyo byatewe n'uburangare cyangwa ubushake buke bwa GS1).

**9. AHO UBURYOZWE BUGARUKIRA**

9.1. Ku buheze bwemewe n'amategeko:

a. ingingo zose, ibisabwa na garanti bishobora gukomozwaho mu masezerano mu bundi buryo bikumiriwe; kandi

b. Aho ingingo yakomojweho ishobora kudakumirirwa, GS1 igarukiriza uburyozwe bwo kwica ingingo ku kongera kohereza ibicuruzwa cyangwa kwishyura ikiguzi cyo kongera kohereza serivisi bireba.

9.2. Ku buheze bwemewe n'amategeko, GS1 ikuraho uburyozwe bwose (bwaba butewe n'uburangare, kutubahiriza amasezerano cyangwa kutubahiriza itegeko iryo ariryo ryose) bujyanye n'iki cyemezo ku gihe cyangwa iyangirika iryo ariryo ryose ridaziyeho cyangwa riza nk'ingaruka, harimo ibihombo by'inyungu n'amahoro.

9.3. Ku buheze bwemewe n'amategeko, uburyozwe bwose GS1 ikugomba kubera igihombo cyangwa iyangirika ry'ubwoko ubwo aribwo bwose buturutse kuri iki Cyemezo budakuwemo n'ingingo ya 9.2 bugarukira, ku birego byose, ku giteranyo cy'amafaranga yose y'ikiguzi cy'Icyemezo yishyuwe mu gihe cy'amezi 12 ibanziriza igihe cy'ubwo buryozwe gikomatanyije.

**10. UBUZIMA BWITE N'IBANGA**

Buri gihe ugomba kugira amakuru yose ibanga kandi mu mutekano, kandi ukirinda gushyra hanze amakuru yose ya GS1 yagaragajwe nka cyangwa ashobora gufatwa nk'umutungo, ibanga cyangwa ashinganywe mu bucuruzi keretse byemewe n'iki Cyemezo. Ugomba gusa gushyira hanze ayo makuru:

a. Mu buryo bukenewe kugira ngo wuzuze inshingano zawe zikubiye muri iki Cyemezo no mu gihe hari "ibyo ukeneye-kumenya" gusa;

b. igihe GS1 ibitangiye uruhushya rwanditse; cyangwa

c. Bisabwe n'amategeko.

**11. ISESWA**

11.1GS1 ishobora guhita isesa iki Cyemezo itanga imbuzi niba:

a. Unaniwe kwishyura Amafaranga y'Icyemezo ku itariki yatanzwe;

b. Utujuje inshingano Zawe muri izi ngingo n'ibisabwa;

c. Bitangajwe ko wahombye, ugiye mu iseswa, ufite umwakirizi cyangwa undi mugenzuramari washyizweho, cyangwa (kuri sosiyete) wafunze mu bundi buryo butari ku mpamvu itari ugusana ibyangiritse; cyangwa

d. GS1 ihagarika gufatira uburenganzira bw'Icyemezo bwa ngombwa bwo gutanga Nomero za GS1 muri Kenya.

11.2 GS1 cyangwa Wowe ushobora gusesa iki Cyemezo mu zindi mpamvu urundi ruhande ruhabwa integuza yanditse y'amezi atandatu.

11.3 Iseswa ry'iki Cyemezo ntirikuraho uburyozwe bwa GS1 cyangwa Wowe buturuka ku kwica ingingo z'iki Cyemezo.

**12. INGARUKA Z'ISESWA**

12.1. Ku iseswa ry'iki Cyemezo, uburenganzira Bwawe bukubiye muri iki Cyemezo buraseswa kandi ugomba:

a. Guhita uhagarika gusaba Nomero na Kode z'ibanga za GS1ku Bicuruzwa Byawe ibyo aribyo byose wakoze cyangwa wagurishije nyuma y'itariki y'iseswa; kandi

b. Mu minsi 7, kwishyura GS1 amafaranga yose ugomba GS1 nk'uko biteganyijwe muri iki Cyemezo ku itariki y'iseswa

12.2. Ntiwemerewe ubwishyu cyangwa gusubizwa amafaranga ayo ariyo yose ku Mafaranga y'Icyemezo cyangwa andi mafaranga cyangwa andi mafaranga cyangwa fagitire yishyuwe hakurikijwe iki cyemezo, keretse iki Cyemezo kibivuga mu bundi buryo.

12.3. Iseswa cyangwa irangiea ry'iki Cyemezo ntirigira ingaruka ku ngingo mu miterere yazo zitarebwa n'iseswa, zirimo ingingo ya 8, iya 9 n'iya 10.

**13. AMATANGAZO**

13.1. Amatangazo yose n'andi makuru arebana n'iki Cyemezo:

a. agomba kuba yanditse; kandi

b. agira agaciro guhera igihe yakiriwe keretse ikindi gihe cya nyuma cyavuzwe.

13.2. Igihe yoherejwe mu iposita, amatangazo n'andi makuru afatwa ko yakiriwe ku munsi ukurikira uwo yashyiriwe mu iposita (cyangwa iminsi indwi nyuma yo kuyohereza igihe byoherejwe cyangwa bivuye hanze

ya Rwanda).

13.3. niba yoherejwe kuri fagisi, amatangazo n'andi makuru afatwa nk'ayakiriwe ku gihe kigaragazwa muri kopi ya raporo y'iyoherezwa ku gihe kopi yose yohererejwe.

13.4. Amatangazo akugenewe azoherezwa kuri aderesi yagaragajwe ku Ifishi yo Kwiyandika Yawe (cyangwa indi aderesi ushobora kumenyesha GS1 igihe icyo aricyo cyose). Amatangazo agenewe GS1 agomba kohererezwa Umuyobozi Mukuru wa GS1 kuri aderesi ya GS1 umenyeshwa igihe icyo aricyo cyose.

**14. INGINGO RUSANGE**

14.1. Iki Cyemezo n'Ifishi yo Kwiyandikisha kigize amasezerano yuzuye hagati y'impande zombi ku kigenderewe kandi gisimbura andi masezerano, imikoranire n'imishyikirano yose yakibanjirije kuri iyo ngingo.

14.2. Iki Cyemezo kigengwa n'amategeko akurikizwa muri Rwanda. Buri ruhande rwiyemeje kubahiriza ububasha butagira umupaka bw'inkiko za Kenya.

14.3. Ingingo y'iki Cyemezo cyangwa uburenganzira bugenwa na cyo bushobora kurekwa keretse bikozwe mu nyandiko, kandi bigashyirwaho umukono n'uruhande rutanga iryo rekwa.

14.4. GS1 ishobora guhindura izi ngingo n'ibisabwa igihe icyo aricyo cyose ikabikohereza mu nyandiko. Impinduka nk'izi ngizi zamenyeshejwe na GS1 zihita zishyirwa mu bikorwa (keretse hari indi tariki bizatangiriraho kubahirizwa yashyizwe yatangajwe).

14.5. Ntushobora kugenera, kwimurira cyangwa guha undi muntu uburenganzira cyangwa inshingano zawe ku cyemezo ushingiye kuri iki Cyemezo.

15. GS1 ni umwanikisha w'Ikigo Gishinzwe Gukurikirana Inguzanyo (Credit Reference Bureau Ltd (CRB)) bityo mu gusaba Kwawe kuba umunyamuryango wemera ko GS1:

a. Izahabwa igihe icyo aricyo cyose raporo zivuye muri CRB.

b. Izamenyesha CRB amakuru yose ya sheke zitishyuwe, iyitegeko cyangwa andi makosa yerekeranye n'ingingo n'ibisabwa kugira ngo ube umunyaryango hamwe n'amasezerano y'Icyemezo.

C. Izamenyesha CRB n'abadandaza mur rusange ikurwaho ryose ry'ubunyamuryango n'irya kode Wahawe.

**16. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO.**

Ibi bisobanura ko ibisobanuro bya GS1 bikoreshwa kuri iki Cyemezo keretse hagaragajwe ubundi buryo bikoreshwamo:

**"Nomero za GS1"** bivuga nomero z'Uburyo bwa GS1 .UCC bwo gutanga kode uhabwa na GS1 hakurikijwe iki Cyemezo.

**"Kode z'ibanga"** bisobanura Uburyo bwa GS1.UCC bubitse amakuru bwakorewe kubika Nomero n'andi makuru ndanga ya GS1

**"TVA"** bisobanura Umusoro Nyongeragaciro nk'umusoro usabwa n'Ikigo Gishinzwe Imisoro n'Amahoro cya Kenya (Kenya Revenue Authority.

**"Icyemezo"** bisobanura Icyemezo uhabwa na GS1 kugira ngo ukoreshe Nomero za GS1.

**"Ikiguzi cy'Icyemezo"** bisobanura amafaranga wishyura GS1 avugwa mu Ifishi yo Kwiyandikisha (ahinduka buri gihe hakurikijwe ingingo ya 3.2.).

**"Ibicuruzwa"** bisobanura ibicuruzwa cyangwa serivisi ukora kandi ukaurisha abandi.

**"Ifishi yo Kwiyandikisha"** bisobanura ifishi yo kwiyandikisha ya GS1 abantu basabiraho kuba abafatabugui ba GS1 banasaba guhabwa Nomero za GS1.

**"Ibihangano Bwite"** bisobanura ibihangano bifite aho bihuriye na GS1 na cyangwa Uburyo bukoreshwa na GS1 mu gutanga nomero.

**"Wowe"** bivuga umuntu, Sosiyete, ishyirahamwe cyangwa ikigo cyashyize umukono ku Ifishi yo Kwiyandikisha gisaba kuba umunyamuryango wa GS1 no guhabwa Nomero za GS1. **"Cyawe/yawe"** ifite igisobanuro bijyanye.

**Imigereka3.**

Ibyiciro by'igiciro cy'Icyemezo, Ibindi biguzi/biciro, Ikiguzisezerano ry'Umwaka:

**<u>Igice cya 1:</u>** Kigaragaza igiciro cyo kwinjira (Icyemezo) n'igiciro cyo kwiyandikisha yishyurwa iyo winjiye. Nyuma yaho usabwa gusa kwishyura ikiguzisezerano buri mwaka buri kwezi kwa1 k'umwaka-Mutarama.

Kugira ngo udufashe kugaragaza icyiciro cy'Ikiguzisezerano rya buri Mwaka ugomba kwishyura, wasabi Abagenzuzi b'imari bawe kuzuza inyandiko yometse hano ukayitwohereza.

**<u>Igice cya 2:</u>** Kigaragaza ibiciro/ amafaranga tuguca iyo udusabye kugukorera Imishinga n'imirimo y'ubugishwanama.

**<u>Igice cya 3:</u>** Kigaragaza ibiciro/ amafaranga tuguca iyo udusabye gukora igenzura rya kode z'ibanga mu mwanya wawe.

**<u>Igice cya 4:</u>** Kigaragaza ibiciro/ amafaranga tuguca iyo udusabye kugukorera amahugurwa ajyanjye n'abakozi bawe.

**<u>Icyitonderwa:</u>**

1. Tuzaguha icyemezo cyawe cy'umunyamuryango wa GS1 Rwanda na kode z'ibanga wasabye ari uko wamaze kwishyura amafaranga yo kwiyandikisha, Ikiguzisezerano rya buri Mwaka kandi wamaze kutwohereza inyandiko y'Abagenzuzi b'imari Bawe.
2. Dufite uburenganzira bukubiye mu bubasha bwacu rukumbi kandi budashidikanywaho bwo kugusaba igihe icyo aricyo cyose kudushyikiriza inyandiko y'Abagenzuzi b'imari Bawe ku Musaruro wawe w'Umwaka hagamijwe kwemeza icyiciro cy'ikiguzi cy'Ikiguzisezerano rya buri Mwaka ugomba kwishyura.

   Niba umusaruro wawe wariyongereye ku buryo bigushyira mu cyiciro cyisumbuye, ikiguzisezerano cyiyongereye kizagira agaciro ku itariki itaha uzavugururiraho amasezerano.
3. Ibiguzisezerano byose byishyurwa mu minsi 30 (mirongo itatu ) uhereye ku itariki byatangiweho ivugurura (inyemezabuguzi).

**<u>IMBUZI</u>**

Kutishyura bishobora gutuma duhagarika ubunyamuryango bwawe no kuvanaho kode z'ibanga wahawe.

Njyewe/Twebwe ___________________________________uri mu mwanya wa _________________muri_______________________

kuri iyi tariki ya __________________nemeye kugengwa n'Ibisabwa n'Ingingo z'Amasezerano y'Icyemezo ya GS1 Kenya akubiye mu Bisabwa n'Ingingo z'Icyemezo cya GS1 Kenya (GS1 Kenya license Terms and Conditions).

Njyewe/Twebwe nemeje ko amakuru yatanzwe muri iyi fishi ari ukuri n'imvaho

*Kashe ya sosiyete*

________________________________________

(Umukono n'itariki)